# GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER /February 2019


## TWOGE MAGAZI, AMAZI SI YAYANDI

**Kuva kuwa gatatu taliki ya 13 kugeza ku ya 15 Gashyantare 2019 muri Hotel yitiriwe mutagatifu Andereya i Kabgayi mu karere ka Muhanga, abanyamuryango n'abakozi b'ihuriro CCOAIB bakurikiye amahugurwa yari agamije kubongerera ubushobozi mu bijyana no gutegura, gucunga imishinga (Project cycle Management) ndetse no mu bijyana no gushakisha ubushobozi (Resource Mobilization).**

Aya mahugurwa yateguwe ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere (RDB) muri gahunda iki kigo gifite yo kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta kugira ngo igere ku ntego yiyemeje yo gufatanya yo guteza imbere abanyarwanda.
Atangiza aya mahugurwa, umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CCOAIB bwana Ngendandumwe Jean Claude yabwiye abayitabiriye ko bagomba koga magazi kuko amazi atakiri yayandi.

*ifoto y'urwibutso*

Yagize ati: ''Birakwiye ko dukora imishinga isobanutse kugira ngo yakirwe kandi tugomba kwifashisha uburyo bugezweho kugira ngo twemeze ko turi abafatanyabikorwa bakwiye kugirirwa icyizere bagafatanya natwe".
Ibi bifite ishingiro kuko kugira ngo umufatanyabikorwa uyu n'uyu yemere gukorana nawe, nuko aba yumva ko nawe uzamufasha kugera ku ntego ze.
Ikindi, umushinga uba ukwiye kwakirwa, ni umushinga ufite ireme kandi ugamije kugira impinduka nziza ku mibereho y'abanyarwanda. Byashimangiwe n'umufashamyumvire, ndetse we anongeraho ko ibi bagomba kubifata nk'ihame.

Nyuma y'aya mahugurwa, hafi ya bose mu bo twaganiye, bemeza ko agiye gutuma habaho impinduka mu mikorere yabo, cyane cyane mu bijyana n'imitegurire ndetse n'imicungire y'imishinga.

Bwana Viateur Rucyahana, umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umuryango w'abaskuti bo mu Rwanda nawe wari witabiriye aya mahugurwa nk'umunyamuryango wa CCOAIB yagize ati: " Kuba hari imishinga myinshi twateguraga nticemo, nuko hari icyo twaburaga nkaba nemeza ntashidikanya ko benshi muri twe bafite icyo bungutse".
Yongeyeho ati: "njye nsanga ibi twahawe ari impamba tuzajya twifashisha mu gihe cyose tuzaba turi gutegura imishinga."

*Imirimo mu matsinda*

Kuba aya mahugurwa yarateguwe ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere, nabyo ni iby'agaciro kuko ari ikimenyetso cy'uko n'ibigo bya Leta bitangiye kugenda byumva ineza ishobora guturuka ku bufatanye bwayo n'imiryango itari iya Leta.
Twibutse ko aya mahugurwa yateguwe hagenderewe ku cyifuzo imiryango igize CCOAIB yari imaze igihe igaragaza ko ikeneye ubu bumenyi.
Reka dusoze twishimira imyanzuro yavuye muri aya mahugurwa, tukaba twizera ko iyi miryango igiye kubyaza umusaruro ubumenyi yongerewe, Natwe tuti: "imishinga myinshi ikoze neza, impinduka yihuse mu miryango yahuguwe!"

**Benoît Ndirikiye**
**INFODOC - CCOAIB**